

# Imineke ya Nyogokuru

Ursula Nafula

Ill: Catherine Groenewald

Tr: Agape Ishimwe

Kinyarwanda

African Storybook.org



Umurima wa nyogokuru wari utangaje. Warurimo amasaka, uburo, n'imyumbati. Ariko urutoki Nirwo rwari rwiza kurusha ibindi. Nubwo nyogokuru yari afite abuzukuru benshi, narinzi ko aringe mutoni we, mw'ibanga. Yantumiraga kenshi iwe. Kandi yambwiraga ku mabanga ye. Ariko hari ibanga rimwe atigeze ambwira:
aho yataraga ibitoki.



Umunsi umwe nabonye igitebo kinini giteretse ku zuba mu gikari. Mubajije icyo aricyo, igisubizo cyimwe yampaye ni iki: "Ni igitebo Kidasanzwe." Ku gitebo hari amakoma menshi nyogokuru yahinduraga kenshi. Nagize amatsiko ndamubaza nti "Aya makoma nayiki, nyogoku?" Igisubizo cyimwe nabonye niki:  "N'amakoma adasanzwe."



Byari bitangaje kureba nyogokuru, ibitoki, amakoma n'igitebo kinini. Ariko nyogokuru yahise atuma Kujya gufasha mama, "Nyogoku, mbabarira, undeke ndebe uko ubigenza..." Ambwira akomeje ati: "Ntugashire isoni wa mwana we, jy'ukora ibyo bakubwiye." Nuko ngenda niruka.



Ngarutse, nasanze nyogokuru yicaye hanze ariko nta gitebo nta n'ibitoki. Ndamubaza nti: "Nyogoku, igitebo kiri he, ibitoki biri he, na..." Ariko igisubizo cyonyine nabonye ni, "Biri ahantu hadasanzwe." Naratengushwe cyane!



Iminsi ibiri ishize, nyogokuru yantumye gushaka akabando ke mu cyumba cye. Nkimara gufungura umuryango, nakiriwe n'impumuro nziza cyane y'imineke. Muri icyo cyumba cye niho hari igitebo kinini cy'idasanzwe cya nyogokuru. Cyari gihishwe neza mu kiringiti gishaje. Naragitwikuruye impumuro nziza iransanganira.



Ijwi rya nyogokuru ryarankanze ubwo yampamagaraga, "Urakora iki? Gira vuba unzanire akabando." Narihuse nsohokana akabando ke. Arambaza ati: "Uri gusetswa n'iki? Ikibazo cye cyatumye menya ko nyirigusetswa nuko navumbuye ububiko bwe budasanzwe."



Bukeye bwaho, ubwo nyogokuru yari yagiye gusura mama, nirukankiye mu nzu ye kureba imineke na none. Hari igitoki gifite imineke ihiye cyane. Namanyuyeho umwe nkuhisha mw' ikanzu yange. Maze gutwikira neza igitebo nagiye inyuma y'inzu nkurya vuba vuba. Wari umuneke uryoshye cyane ku buryo budasanzwe.



Bukeye bwaho, ubwo nyogokuru yari mu murima asoroma imboga, ninjiye mu cyumba ndarunguruka mbona imineke. Hafi yayose yari yahiye. Sinashoboye kwihangana nuko mfata iseri ririho imineke ine. Ngenda nyonyomba ngana ku muryango, nuko numva nyogokuru ari gukorora hanze. Nahise mpisha ya mineke mu ikanzu yange munyuraho.



Umunsi ukurikiyeho wari umunsi w'isoko. Nyogokuru yazindutse kare. Buri gihe yajyanaga imineke n'imyumbati ku isoko. Sinashishikajwe no kumusura uwo munsi. Ariko sinashoboraga kumara igihe kire kire ntagiyeyo.



Uwo mugoroba mama, papa na nyogokuru barampamagaye. Narinzi impamvu.

Nasabye imbabazi zuko nafashe imineke. Namaze iminsi ikurikiye ntoranya imineke yo kuzuza igitebo cya nyongkuru cyo kujyana kw'isoko.

Iryo joro ndyamye nafashe umwanzuro wo kutazigera mfata ikintu cya nkogokuru, ababyebi bajye cyangwa undi muntu nta gisabye.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

**Imineke ya nyogokuru**

**Umwanditsi** -- Ursula Nafula
**Cyahinduwe** -- Sally Farneth
**Ubuhinduzi** -- Agape Ishimwe
**Icyitegererezo** -- Catherine Groenewald
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego** -- Paragarafu ndende

© African Storybook Initiative 2014
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

2026-02-19